

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N 0 001/2008 RYO KU WA 01/04/2008 RIGENA IBYUBAHIRIZWA N'IBIKURIKIZWA MU GUKODESHA UBUTAKA</p> <p>Minisitiri w'Ubutaka, Ibidukikije, Amashyamba, Amazi na Mine;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 11, iya 28, iya 29, iya 30, iya 31, iya 32, iya 43, iya 93, iya 120, iya 200 n'iya 201;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Ngenga N° 08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3, iya 4, iya 5, iya 7, iya 11, iya 24, iya 25 n'iya 27;</p> <p>Ashingiye ku Iteka rya Perezida N° 53/01 ryo ku wa 12/10/2006 rigena imiterere, ububasha n'imikorere y'Urwego rw'Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka cyane cyane mu ngingo yaryo ya 8;</p> <p>Ashingiye ku Iteka rya Perezida N° 54/01 ryo ku wa 12/10/2006 rigena imiterere, inshingano, imikorere n'abagize Komisiyo zishinzwe iby'ubutaka cyane cyane mu ngingo zaryo: iya 14, iya 17 n'iya 19;</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 001/2008 OF 01/04/2008 DETERMINING THE REQUIREMENTS AND PROCEDURES FOR LAND LEASE</p> <p>The Minister of Land, Environment, Forests, Water and Mines.</p> <p>Given the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4th, 2003 as amended to date, especially in its articles 11, 28, 29, 30, 31, 32, 43, 93, 120, 200 and 201;</p> <p>Given the Organic Law N° 08/2005 of 14/07/2005 determining land use and management in Rwanda especially in its articles 3, 4, 5, 7, 11, 24, 25 and 27;</p> <p>Given the Presidential Order N° 53/01 of 12/10/2006 determining the structure, the powers and the functioning of the Office of the Registrar of Land Titles especially in its article 8;</p> <p>Given the Presidential Order N° 54/01 of 12/10/2006 determining the structure, the responsibilities, the functioning and the composition of Land Commissions especially in its articles 14, 17 and 19;</p>	<p>ARRETE MINISTERIEL N°001/2008 DU 01/04/2008 DETERMINANT LES CONDITIONS ET LES PROCEDURES SUIVIES POUR LE BAIL DES TERRES</p> <p>Le Ministre des Terres, de l'Environnement, des Forêts, de l'Eau et des Mines ;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 Juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 11, 28, 29, 30, 31, 32, 43, 93, 120, 200 et 201 ;</p> <p>Vu la loi organique N° 08/2005 du 14/07/2005 portant régime foncier au Rwanda, spécialement en ses articles 3, 4, 5, 7, 11, 24, 25 et 27 ;</p> <p>Vu l'Arrêté Présidentiel N° 53/01 du 12/10/2006 portant structure, compétence et fonctionnement du Service du Conservateur des Titres Fonciers spécialement en son article 8 ;</p> <p>Vu l'Arrêté Présidentiel N° 54/01 du 12/10/2005 portant organisation, attributions, fonctionnement et composition des commissions foncières spécialement en ses articles 14, 17 et 19 ;</p>
---	---	---

<p>Ashingiye ku Iteka rya Perezida N° 30/01 ryo kuwa 29/06/2007 rigena umubare nyakuri w’imyaka y’ubukode bw’ubutaka;</p> <p>Ashingiye ku iteka rya Minisitiri N° 001/2006 ryo ku wa 26/09/2006 rigena imiterere y’ibitabo bikoreshwa mu gucunga ubutaka, inshingano n’imikorere by’ibiro by’ubutaka muri buri Karere cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 5 n’iya 7;</p> <p>Inama y’Abaminisitiri yateranye kuwa imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>ATEGETSE:</p> <p>UMUTWE WA MBERE: IBYEREKEYE INGINGO RUSANGE</p> <p><u>Ingingo ya mbere:</u> Ibyerekeye icyo iri Teka rigamije</p> <p>Iri Teka rigena ibikurikizwa n’ibyubahirizwa mu gutanga ubutaka kugirango bukodeshwe.</p> <p><u>Ingingo ya 2:</u> Ibyerekeye ubutaka burebwa n’iri Teka</p> <p>Ubutaka burebwa n’iri Teka n’ubu bukurikira:</p> <p>1° Ubutaka bw’abantu ku giti cyabo;</p>	<p>Given the Presidential Order N° 30/01 of 29/06/2007 determining the exact number of years of land lease;</p> <p>Given the Ministerial Order N° 001/2006 of 26/09/2007 determining the structure of Land Registers, the responsibilities and the functioning of the District Land Bureau especially in its articles 5 and 7;</p> <p>After consideration and adoption by the Cabinet, in its meeting of</p> <p>HEREBY ORDERS:</p> <p>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</p> <p><u>Article one:</u> Purpose of this Order</p> <p>This Order determines the requirements and procedures to be followed for leases of land.</p> <p><u>Article 2:</u> Land referred to by this Order</p> <p>Land referred to by this Order is:</p> <p>1° Individual land;</p>	<p>Vu l’Arrêté Présidentiel N° 30/01 du 29/06/2007 déterminant le nombre exact des années de bail des terres;</p> <p>Vu l’Arrêté Ministériel N° 001/2006 du 25/10/2006 portant nature des documents fonciers, attributions et fonctionnement des Bureaux Foncier dans les Districts spécialement en ses articles 5 et 7 ;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres dans sa séance du..... ;</p> <p>ADOPTE :</p> <p>CHAPITRE PREMIER : DES DISPOSITIONS GENERALES</p> <p><u>Article premier :</u> De l’objet du présent Arrêté</p> <p>Le présent Arrêté détermine les conditions requises et les procédures à suivre pour le bail des terres.</p> <p><u>Article 2 :</u> Des terres concernées par le présent Arrêté</p> <p>Les terres concernées par le présent arrêté sont :</p> <p>1° Les terres individuelles ;</p> <p>2° Les terres du domaine privé :</p>
--	---	---

<p>2° Ubutaka bwo mu mutungo bwite:</p> <ul style="list-style-type: none"> - wa Leta, - w'Umujyi wa Kigali, - w'Akarere, cyangwa - uw'Ibigo bya Leta bifite ubuzima gatozi. <p><u>Ingingo ya 3: Ibyerekeye ibisobanuro by'amagambo</u></p> <p>Muri iri Teka, amagambo akurikira asobanurwa mu buryo bukurikira:</p> <p>1° Umuntu: ni ijamba risobanura umuntu ku giti cy'e, sosiyete y'ubucuruzi, umuryango cyangwa ishyirahamwe bifite ubuzima gatozi ;</p> <p>2° Ucunga umutungo w'undi ni umuntu wese washyizweho n'urukiko cyangwa mu bundi buryo kugira ngo acunge umutungo w'umwana utarageza ku myaka y'ubukure, uw'umuntu mukuru udafite ubushobozi bwo gucunga ibye cyangwa udashobora gucunga ibye hashingiwe ku cyemezo cy'urukiko;</p> <p>3° Umukode: ni urwego rutunze ubutaka bukodeshwa. Muri iri Teka, ni Leta, Ibigo bya Leta bifite ubuzima gatozi, Umujyi wa Kigali n'Akarere;</p> <p>4° Ukodesha: ni umuntu utunze ubutaka bwe ku giti cy'e cyangwa wiyemeje gufata ubutaka bwite bwa Leta, bwite bw'Ikigo cya Leta gifite ubuzima gatozi, bwite bw'Umujyi wa Kigali cyangwa bwite bw'Akarere, kugira ngo abukodeshe;</p>	<p>2° Private:</p> <ul style="list-style-type: none"> - State land, - City of Kigali land, - District land, - Parastatals' land. <p><u>Article 3: Definitions</u></p> <p>In this Order, the following terms shall be defined as follows:</p> <p>1° Person indicates an individual, a registered company or an association with legal personality;</p> <p>2° Administrator is a person, whether designated by a Court of Law or acting in that capacity in practice, who manages and administers the patrimony of a person who is a minor, mentally incompetent or a ward of the court;</p> <p>3° Lessor: is the public institution that holds land subject to lease. In this Order, the public institution is the State, a parastatal, the City of Kigali or the District;</p> <p>4° Emphyteutic Lessee: is a person who holds individual land or who takes on lease private State owned land, private parastatal's owned land, private City of Kigali owned land or private District owned land;</p>	<ul style="list-style-type: none"> - de l'Etat, - de la Ville de Kigali, - des Districts, - des Etablissements Publics. <p><u>Article 3 : Des définitions</u></p> <p>Dans le présent Arrêté, les mots suivants sont définis comme suit :</p> <p>1° Personne désigne une personne physique, une société commerciale ou une association dotée de la personnalité juridique ;</p> <p>2° Administrateur : est toute personne désignée par un tribunal ou agissant en tant que tel de par la pratique, qui assure la gestion et l'administration des biens d'un mineur, d'un incapable ou d'un interdit;</p> <p>3° Bailleur désigne l'institution publique détentrice du domaine foncier à louer. Dans cet Arrêté, l'institution publique est l'Etat, un Etablissement Public, la Ville de Kigali ou le District;</p> <p>4° Emphytéote est une personne qui détient une terre individuelle ou qui prend en location une terre du domaine privé de l'Etat, des Etablissements Publics, de la Ville de Kigali ou des Districts ;</p>
--	--	--

<p>5° Itegeko Ngenga: ni Itegeko Ngenga n° 08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n’imicungire y’ubutaka mu Rwanda;</p> <p>6° Ihererekanya ry’ubutaka: bitewe n’icyakozwe, ni ukubugurisha, kuburaga, kubutangaho impano, kubugurana ubundi cyangwa ikindi kintu, kubusaranganya, kubugabana, cyangwa se ubundi buryo bwose bwo kwikuraho umutungo w’ubutaka cyangwa igice cyawo hubahirijwe amategeko mboneza mubano.</p> <p>7° Umubitsi w’Impapurompamo ni Umubitsi w’Impapurompamo z’Ubutaka;</p> <p>8° Umubitsi w’Impapurompamo wungirije ni Umubitsi w’Impapurompamo z’Ubutaka wungirije.</p>	<p>5° Organic Law: is the Organic Law no 08/2005 of 14/7/2005 determining the use and the management of land in Rwanda;</p> <p>6° Disposition, due to the transaction completed, is a sale, an inheritance, a gift, an exchange, a partition, a subdivision or any other way of transfer of land rights or a part thereof according to the provisions of the Civil Code.</p> <p>7° Registrar is the Registrar of Land Titles;</p> <p>8° Deputy Registrar is the Deputy Registrar of Land Titles.</p>	<p>5° Loi organique est la loi organique N°08/2005 du 14/07/2005 portant régime foncier au Rwanda ;</p> <p>6° Aliénation, selon l’acte juridique qui a été accompli, est soit une vente, un legs, un don, un échange, un partage, une subdivision ou tout autre moyen de cession des droits fonciers ou leur partie conformément aux dispositions du code civil.</p> <p>7° Conservateur désigne le Conservateur des Titres Fonciers</p> <p>8° Conservateur Adjoint désigne le Conservateur Adjoint des Titres Fonciers.</p>
--	--	---

<p>UMUTWE WA II: IBYEREKEYE ITANGWA N'IKODESHA KU BURYO BURAMBYE BY'UBUTAKA BURI MU MUTUNGO BWITE W'INZEGO ZA LETA</p> <p>Icyiciro cya mbere: Ibyerekeye gusaba ubukode bw'igihe kirekire</p> <p><u>Ingingo ya 4:</u> Ibyerekeye abashobora gusaba ubukode burambye</p> <p>Hakurikijwe ibiteganijwe mu ngingo ya 4 y'Itegeko Ngenga, umuntu wese yemerewe gukodesha ubutaka, bwaba ubwo mu mutungo bwite wa Leta, bwaba ubwo mu mutungo bwite w'Ibigo bya Leta bifite ubuzima gatozi, bwaba ubwo mu mutungo bwite w'Umujyi wa Kigali cyangwa ubwo mu mutungo bwite w'Akarere.</p> <p><u>Ingingo ya 5:</u> Ibyerekeye inzego zisabwa ubutaka kugira ngo bukodeshwe</p> <p>Ubutaka bwite bwa Leta busabwa Minisiteri icunga ubwo butaka.</p> <p>Ubutaka bwite bw'Ikigo cya Leta gifite ubuzima gatozi busabwa Minisiteri ireberera icyo kigo.</p> <p>Ubutaka bwite bw'Umujyi wa Kigali busabwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali.</p>	<p>CHAPTER II: ALLOCATION AND EMPHYTEUTIC LEASE OF LAND IN THE PRIVATE DOMAIN HELD BY PUBLIC INSTITUTIONS</p> <p>Section One: Applications for Emphyteutic Lease</p> <p><u>Article 4:</u> Persons who may apply</p> <p>In accordance with the provision of Article 4 of the Organic Law, any person is allowed to lease private state owned land, parastatal's owned land, private City of Kigali owned land or private District owned land.</p> <p><u>Article 5:</u> Authorities to whom land allocation applications are made</p> <p>Applications for private state owned land are addressed to the Ministry that manages the land in question.</p> <p>Applications for private parastatal's owned land are addressed to the Ministry that supervises the parastatal.</p> <p>Applications for the City of Kigali owned land are addressed to the Mayor of the City of Kigali.</p>	<p>CHAPITRE II: DE L'ALLOCATION ET DU BAIL EMPHYTEOTIQUE DES TERRES DU DOMAINE PRIVE DES INSTITUTIONS PUBLIQUES</p> <p>Section première: De la demande du bail emphytéotique</p> <p><u>Article 4:</u> Des personnes qui peuvent demander le bail emphytéotique</p> <p>Conformément aux disposition de l'article 4 de la Loi Organique, toute personne a le droit de louer les terres du domaine privé de l'Etat, du domaine privé des Etablissements Publics, du domaine privé de la Ville de Kigali ou du domaine privé de District.</p> <p><u>Article 5:</u> Des organes auxquels sont adressées les demandes de bail des terres</p> <p>Les demandes des terres du domaine privé de l'Etat sont adressées au Ministère qui gère la terre concernée.</p> <p>Les demandes des terres des Etablissements publics sont adressées au Ministère qui assure la tutelle de l'Etablissement public.</p> <p>Les demandes des terres du domaine privé de la Ville de Kigali sont adressées au Maire de la Ville de Kigali.</p>
--	---	---

<p>Ubutaka bwite bw'Akarere busabwa Umuyobozi w'Akarere.</p> <p><u>Ingingo ya 6:</u> Ibyerekeye ingingo zigomba kuba zikubiye mu busabe bw'ubutaka</p> <p>Usaba ubutaka abikora yuzuzwa ifishi yabugenewe, iri ku Mugereka wa 1 w'iri Teka, ikubiyemo ibi bikurikira:</p> <p>1° umwirondoro n'ifoto ngufi by'usaba ubutaka;</p> <p>2° aho ubutaka asaba buherereye mu Karere, mu Murenge no mu Kagali;</p> <p>3° ubuso bw'ubutaka asaba;</p> <p>4° ibikorwa ateganya gukorera kuri ubwo butaka n'ingengabihe byabyo;</p> <p>5° ubundi butaka afite, aho buherereye n'icyo abukoresha ndetse n'ubundi burenganzira abandi bantu babufiteho;</p> <p>6° Iyo usaba yashyngiwe mu buryo bw'ivangamutungo rusange risesuye cyangwa ivangamutungo w'umuhahano, asabira hamwe n'uwo bashakanye kandi bombi bakagaragaza umwirondoro wabo, bakomekaho n'amafoto magufi yabo yombi;</p>	<p>Applications for the District owned land are addressed to the Mayor of the District.</p> <p><u>Article 6:</u> Elements to be included in an application for land allocation</p> <p>The applicant fills an appropriate form that is on Annex 1 of this Order including the following:</p> <p>1° Identification and passport photo of the applicant;</p> <p>2° The exact location of the land applied for in the District, Sector and Cell;</p> <p>3° The size of land applied for;</p> <p>4° The intended land use and time-frame for planned activities;</p> <p>5° Any other land held by him or her, its location and use and other people's rights to it;</p> <p>6° where the applicant is legally married under the regime of community of property or the regime of limited community of acquests, he or she shall apply jointly with the spouse and provide full identification details for both applicants and attach their passport photos.</p>	<p>Les demandes des terres du domaine privé des Districts sont adressées au Maire du District.</p> <p><u>Article 6:</u> Des indications devant être comprises dans une demande de terre</p> <p>Celui qui demande une terre remplit un formulaire approprié, figurant à l'annexe 1 du présent Arrêté portant les indications suivantes :</p> <p>1° L'identification ainsi qu'une photo passeport du demandeur ;</p> <p>2° La localisation exacte de la parcelle qui fait l'objet de la demande dans le District, le Secteur et la Cellule;</p> <p>3° La superficie des terres concernées;</p> <p>4° L'usage proposé de ces terres et le calendrier des activités prévues;</p> <p>5° D'autres terres qu'il détient, leur localisation et leur usage ainsi que les droits que d'autres personnes détiennent sur elles;</p> <p>6° Lorsque le demandeur est une personne mariée sous le régime de la communauté universelle des biens ou celui de la communauté réduite aux acquêts, la demande est présentée conjointement avec son époux(se), accompagnée des détails de leur identification et de leurs photos passeports.</p>
--	--	---

<p>7° Iyo ari ishyirahamwe, inyandiko isaba igomba guherekezwa n'icyemezo kigaragaza ubuzimagatozi bwaryo.</p> <p>Iyo bibaye ngombwa, ubuyobozi bwabawe ubutaka bushobora gusaba andi makuru y'inyongera akenewe, agomba gutangwa mu buryo bwanditse.</p> <p>Icyiciro cya II: Ibyerekeye isesengura ry'ubusabe</p> <p><u>Ingingo ya 7: Ibyerekeye icyemezo cyo gutanga ubutaka</u></p> <p>Iyo Minisitiri yavuzwe mu ngingo ya 5 y'iri Teka, igika cya 1 n'icya 2, isanze uwasabye ubutaka akwiriye kubuhabwa, ishyikiriza Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze inyandiko ikubiyemo umushinga w'igisubizo.</p> <p>Amaze kumva icyo Komisiyo y'ubutaka ku rwego rw'Igihugu ibivugaho, Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze ashyikiriza umushinga Inama y'Abaminisitiri kugirango iwemeze.</p> <p>Icyemezo cyo gutanga ubutaka kugirango bukodeshwe gitangwa na Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze.</p> <p>Itangwa ry'ubutaka bwite bw'Umujyi wa Kigali ryemezwa n'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali</p>	<p>7° in the case of a legal person, the application must be accompanied by proof of its legal personality;</p> <p>If need be, the authority that received the application may request additional relevant information to be submitted in writing.</p> <p>Section II: Processing of applications</p> <p>Article 7: Land allocation decision</p> <p>When the Ministry mentioned in Article 5, paragraphs 1 and 2 of this Order finds that the application is valid, it submits a proposed response to the Minister in charge of lands.</p> <p>Upon advice of the National Land Commission, the Minister in charge of lands submits the proposal to the Cabinet for approval and decision.</p> <p>The decision of allocation of land to be leased is issued by the Minister in charge of land.</p> <p>Allocation of the City of Kigali private owned land is decided by the City of Kigali Council after</p>	<p>7° Lorsque le demandeur est une personne morale, la demande est accompagnée par la preuve de la personnalité juridique ;</p> <p>En cas de besoin, l'organe qui a reçu la demande peut demander des informations complémentaires pertinentes qui seront soumises par écrit.</p> <p>Section II : Du traitement des demandes</p> <p>Article 7: De l'acte de cession de terre</p> <p>Lorsque le Ministère dont question à l'Article 5, aux alinéas 1 et 2 du présent Arrêté conclut à une réponse favorable, il adresse au Ministre ayant les terres dans ses attributions, une proposition de réponse.</p> <p>Après avis de la Commission Foncière au niveau national, le Ministre ayant les terres dans ses attributions soumet la proposition de réponse au Conseil des Ministres pour approbation et prise de décision.</p> <p>L'acte de cession de terre pour le bail emphytéotique est délivré par le Ministre ayant les terres dans ses attributions.</p> <p>La cession des terres du domaine privé de la Ville de Kigali est décidée par le Conseil de la Ville de Kigali après avis de la Commission Foncière au</p>
---	--	--

<p>ishingiye ku nama yagiriwe na Komisiyo y’ubutaka ku rwego rw’Umujyi wa Kigali.</p> <p>Itangwa ry’ubutaka bwite bw’Akarere ryemezwa n’Inama Njyanama y’Akarere ishingiyeye ku nama yagiriwe na Komisiyo y’ubutaka ku rwego rw’Akarere.</p> <p><u>Ingingo ya 8: Ibyerekeye amasezerano y’ubukode burambye</u></p> <p>Gukodesha ubutaka bigaragazwa n’amasezerano y’ubukode burambye.Uko agomba kuba ateye biteganijwe mu Mugereka wa 2 w’iri Teka. Uko amasezerano y’ubukode bw’ubutaka bw’ahantu hahehereye agomba kuba ateye biteganijwe mu mugereka wa 3 w’iri Teka.</p> <p>Amasezerano y’ubukode burambye ashirwaho umukono ku ruhande rw’inzego za Leta n’Umukuru w’Iburo by’ubutaka mu Karere ubwo butaka buherereyemo.</p> <p>Igihe ayo masezerano amara gihwanye n’igihe giteganijwe n’Iteka rya Perezida n° 30/01 ryo kuwa 29/06/2007 rigena umubare nyakuri w’imyaka y’ubukode bw’ubutaka, hakurikijwe icyo ubutaka bugenewe gukoreshwa.</p> <p><u>Ingingo ya 9: Ibyerekeye inzego zifashishwa mu rwego rwa tekini</u></p> <p>Urwego rwasabwe ubutaka rwifashisha inzego zikurikira:</p>	<p>advice of the Land Commission of the City of Kigali.</p> <p>Allocation of the District private owned land is decided by the District Council after advice of the Land Commission of the District.</p> <p><u>Article 8: Contract of emphyteutic lease</u></p> <p>The emphyteutic lease of land is passed through a contract whose format is provided for by annex 2 of this Order. The form of the Emphyteutic lease contract for wetlands is provided for by annex 3 of this order.</p> <p>The contract of emphyteutic lease is signed for public institutions by the District Land Officer of the District where the land is located.</p> <p>The length of the emphyteutic lease corresponds to the one provided for by the Presidential Order n° 30/01 of 29/06/2007 determining the exact number of years of land lease in accordance with the land use.</p> <p><u>Article 9: Technical support organs</u></p> <p>An organ which receives an application for land shall be assisted by the following;</p>	<p>niveau de la Ville de Kigali.</p> <p>La cession des terres du domaine privé de District est décidée par le Conseil du District après avis de la Commission Foncière au niveau du District.</p> <p><u>Article 8: Du contrat de bail emphytéotique</u></p> <p>Le bail emphytéotique d’une terre est constatée par un contrat dont le modèle est prévu à l’annexe 2 du présent Arrêté. Le modèle du contrat de bail emphytéotique des terres marécageuses est prévu à l’annexe 3 du présent Arrêté.</p> <p>Le contrat de bail emphytéotique est signé, pour les institutions publiques, par le Chef du Bureau Foncier du District où la terre louée est localisée.</p> <p>La durée du bail emphytéotique correspond à celle prévue par l’Arrêté Présidentiel n° 30/01 du 29/06/2007 déterminant le nombre exact des années de bail des terres suivant la finalité de son usage.</p> <p><u>Article 9: Des organes techniques d’appui</u></p> <p>L’organe qui reçoit une demande de terre a recours aux services suivants :</p>
---	---	--

<p>1° Minisiteri icunga ubutaka, Minisiteri ireberera Ikigo cya Leta n’Umujyi wa Kigali zifashisha mu buryo bwa tekini urwego rw’igihugu rushinzwe imicungire n’imikoreshereze y’ubutaka;</p> <p>2° Akarere kifashisha Ibiro by’Ubutaka mu Karere.</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Ibyerekeye igihe igisubizo kigomba kuba cyatangiwe</p> <p>Komisiyo y’ubutaka ku rwego rw’Igihugu ishyiraho amabwiriza akena igihe buri rwego rugomba kuba rwarangirije gusuzuma ubusabe no gutanga igisubizo, n’uko bigenda iyo icyo gihe kirenze nta gisubizo.</p> <p><u>Ingingo ya 11:</u> Ibyerekeye urwego rufite ububasha bwo kwemeza ikodeshwa ry’ubutaka</p> <p>Kwemeza gukodesha ubutaka bikorwa n’Urwego rw’Umubitsi w’Impapurompamo z’Ubutaka, hakurikijwe ububasha butangwa n’ingingo ya 8 y’Iteka rya Perezida n° 53/01 ryo ku wa 12/10/2006 rigena imiterere, ububasha n’imikorere y’Urwego rw’Umubitsi w’Impapurompamo z’Ubutaka.</p> <p>Bitabangamiye ibivugwa mu gika kibanza, ubukode bw’ubutaka bw’Umubitsi w’Impapurompamo wungirije n’ubwo abo bafitanye isano bo mu rwego rwa mbere</p>	<p>1° the Ministry in charge of the management of the land referred to, the Ministry administratively supervising the parastatal and the City of Kigali are technically assisted by the national organ in charge of land management and use;</p> <p>2° the District is technically assisted by the District Land Bureau.</p> <p><u>Article 10:</u> Deadline for response</p> <p>The National Land Commission determines by instructions the period in which each organ must have finished examining the request and giving response and what happens when the period expires without response.</p> <p><u>Article 11:</u> Authority with competence to confirm land lease</p> <p>Emphyteutic leases are signed and registered by the Office of the Registrar of Land Titles in accordance with the powers provided for by Article 8 of the Presidential Order n° 53/01 of 12/10/2006 determining the structure, the powers and the functioning of the Office of the Registrar of Land Titles.</p> <p>Without prejudice to what is mentioned in the previous paragraph, the lease of land held by a Deputy Registrar and that one held by his relatives of first degree are certified by the</p>	<p>1° le Ministère qui assure la gestion de la terre concernée, le Ministère de tutelle de l’Etablissement Public et la Ville de Kigali sont techniquement assistés par l’organe national chargé de la gestion et de l’utilisation des terres.</p> <p>2° le District est techniquement assisté par le Bureau Foncier de District.</p> <p><u>Article 10:</u> Du délai limite pour donner la réponse</p> <p>La Commission Foncière au niveau national fixe, par instruction, le délai limite pour examiner les demandes d’allocation des terres ainsi que pour donner la réponse et ce qui doit être fait au cas où les délais ne sont pas respectés.</p> <p><u>Article 11:</u> De l’autorité compétente pour confirmer le bail des terres</p> <p>Les baux emphytéotiques sont signés et enregistrés par le Service du Conservateur des Titres Fonciers conformément aux attributions lui confiées par l’Article 8 de l’Arrêté Présidentiel N° 53/01 du 12/10/2006 portant structure, compétence et fonctionnement du Service du Conservateur des Titres Fonciers.</p> <p>Sans préjudice aux dispositions prévues par l’alinéa précédent, le bail des terres du Conservateur adjoint et celui de ses parents au premier degré sont certifiés par le Conservateur tandis que celui du Conservateur et de ses parents au premier degré</p>
--	--	--

<p>bwemezwa n’Umubitsi w’Impapuompamo, naho ubw’Umubitsi w’Impuompamo n’abo bafitanye isano bo mu rwego rwa mbere bukemezwa n’Umubitsi w’Impapuompamo wungirije ufite ububasha mu ifasi ubutaka buherereyemo.</p> <p><u>Ingingo ya 12: Ibyerekeye icyemezo cy’ubukode burambye</u></p> <p>Ukodesha ubutaka wese ahabwa icyemezo cy’ubukode gifite imiterere n’ibigikubiyemo biteganyijwe mu Iteka rya Minisitiri rigena uburyo iyandishwa ry’ubutaka rikorwa rivugwa mu ngingo ya 30 y’Itegeko Ngenga.</p> <p>Icyiciro cya III: Ibyerekeye uburenganzira n’ibigomba kubahirizwa mu bukode burambye bw’ubutaka</p> <p>Akiciro ka mbere: Ibyerekeye uburenganzira bukomoka ku bukode burambye</p> <p><u>Ingingo ya 13: Ibyerekeye kutabangamirwa n’ubundi butaka</u></p> <p>Umukode ntiyemerewe gukoresha cyangwa ngo yemere ko ubutaka bwe cyangwa ubwo agenzura bwegeranye n’ubukodeshwa bukoreshwa mu buryo bububangamira cyangwa se bubangamira inyubako ziburiho cyangwa se ko butabyazwa umusaruro hakurikijwe icyo bugenewe gukoreshwa, hashingiwe ku nshingano z’ubukode.</p>	<p>Registrar while the one held by the Registrar and one held by his relatives of the first degree are certified by the relevant Deputy Registrar.</p> <p><u>Article 12: Emphyteutic Lease Certificate</u></p> <p>Every lessee shall be granted an emphyteutic lease whose form is provided for by the Ministerial Order determining modalities of land registration mentioned by article 30 of the Organic law.</p> <p>Section III: Rights and Obligations related to emphyteutic leases</p> <p>Sub-section one: Rights conferred by the emphyteutic lease</p> <p><u>Article 13: Land to be materially fit</u></p> <p>The lessor will not use or permit any adjoining or neighbouring land of which it is the occupier or which is under its control to be used in any way which would render the leased land or any buildings on the leased land unfit or materially less fit for any purpose for which they were leased or may, consistent with the obligations of the lease, be used.</p>	<p>sont certifiés par le Conservateur adjoint compétent.</p> <p><u>Article 12: Du certificat de bail emphytéotique</u></p> <p>Chaque emphytéote reçoit un certificat de bail emphytéotique dont le modèle est prévu par l’Arrêté Ministériel relatif aux modalités d’enregistrement des terres dont question à l’Article 30 de la Loi Organique.</p> <p>Section III : Des droits et des obligations liés au bail emphytéotique</p> <p>Sous-section première : Des droits liés au bail emphytéotique</p> <p><u>Article 13: De l’interdiction de perturber les propriétés foncières voisines</u></p> <p>En utilisant sa propriété foncière ou celle qui est sous sa garde ou en acceptant que cette propriété soit utilisée, le bailleur n’est pas autorisé à gêner la terre avoisinante en bail. Il ne doit pas non plus obstruer les constructions se trouvant sur le terrain ou faire une utilisation non rationnelle de la terre compte tenu de sa finalité.</p>
---	---	--

Ingingo ya 14: Ibyerekeye gutanga cyangwa kugwaturiza uburenganzira ku bukode

Ukodesha ashobora gutanga uburenganzira bwe ku butaka cyangwa kubugwaturiza mu gihe cy'ubukode nk'uko biteganywa n'Amategeko Mbonezamubano, bitabangamiye iyandikishwa ryabyo.

Agace ka II: Ibyerekeye inshingano zishingiye ku bukode burambye

Ingingo ya 15: Inshingano rusange

Nk'Urwego rushinzwe kureberera uburenganzira abantu bafite ku butaka, Leta ifite uburenganzira bwo gufatira bitanu kw'ijana (5%) by'ubutaka bukodeshejwe ku bw'inyungu rusange itarinze kwishyura indishyi y'ubutaka ifatiriye.

Ubutaka Leta isubiranye bugomba guhura n'icyo busubiraniwe cyonyine. Iyo gusubirana ubutaka bitumye imikoreshereze y'ubusigaye budashobora gukoreshwa icyo bwagenewe, nyirabwo ashobora gusaba guhindura imikoreshereze cyangwa agasaba kwishyurwa indishyi y'ubwo butaka asigaranye.

Mu mpamvu zishobora gutuma Leta isubirana ubwo butaka harimo izishingiye ku gutunganya imihanda n'inzira uhereye ku mihanda nyabagendwa no ku bundi butaka butunzwe

Article 14: Transfer and mortgage

The emphyteutic lessee may alienate or mortgage his/her rights on the leased land for the duration of the lease in accordance with the provisions of the Civil Code, subject to their registration.

Sub-section II: Obligations related to the emphyteutic lease

Article 15: General Obligations

As a custodian of land rights, the State reserves the right to resume up to five percent (5%) of the land leased for public purposes without payment of any compensation for the land retaken.

The land resumed has to strictly comply with the requirements for the use it was designated for. Where the resumption makes it unfit for the remaining land use according to its designated use, the holder may apply for change of use or the compensation for that remaining land.

The purposes for which such land may be resumed include, but are not limited to, the provision of roads and footpaths from public roads and other lands occupied by third parties.

Article 14: De l'aliénation et de l'hypothèque des droits liés au bail

L'emphytéote peut aliéner ou hypothéquer les droits liés à son bail pour sa durée conformément aux dispositions du Code Civil, sous réserve de leur enregistrement.

Sous-section II : Des obligations liées au bail emphytéotique

Article 15: Des obligations générales

En tant que garant des terres, l'Etat se réserve le droit de reprendre jusqu'à cinq pourcent (5%) des terres louées pour l'utilité publique, sans paiement de compensation pour les terres reprises.

La surface reprise doit strictement correspondre à l'objet pour lequel elle l'est. Lorsque une telle reprise rend impropre l'exploitation de la terre restante conformément à son usage, son détenteur peut demander le changement de l'usage ou la compensation de la propriété foncière restante.

Parmi les raisons pour lesquelles de telles terres peuvent être reprises, il y a notamment l'aménagement des routes et trottoirs à partir des voies publiques et d'autres terres occupées par les tiers.

<p>n'abandi.</p> <p><u>Ingingo ya 16: Ibyerekeye kugenzura imikoreshereze y'ubutaka</u></p> <p>Ukodesha ntashobora kubuza umukozi w'Ibiro by'ubutaka cyangwa undi wese wabihereye ubuhasha n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe imikoreshereze n'amicungire y'ubutaka kwinjira ku butaka buri mu bukode mu gihe cyabugenewe kugirango azenzwe niba imikoreshereze yabwo ijyanye n'inshingano zashingiweho mu itangwa ry'ubukode.</p> <p><u>Ingingo ya 17: Ibyerekeye kuba ukodesha adahari mu gihe runaka</u></p> <p>Iyo ukodesha agize impamvu ituma ataba ku butaka akodesheje mu gihe runaka, akora ibishoboka byose kugira ngo bucuze neza kandi bukoreshwe hakurikijwe inshingano zikubiye muri iki cyiciro.</p> <p><u>Ingingo ya 18: Ibyerekeye impushya zisabwa mbere yo kubaka</u></p> <p>Impushya za ngombwa zisabwa mbere y'uko inyubako zitangira gukorwa zigomba kubanza kuboneka.</p>	<p><u>Article 16: Inspection of land use</u></p> <p>The emphyteutic lessee shall allow any officer of the District Land Bureau or person duly authorized by the national institution in charge of land management to enter upon the land hereby leased at such time as may be reasonable to inspect the use of the land to ensure compliance with the obligations under which that lease is held.</p> <p><u>Article 17: Temporary absence</u></p> <p>If the emphyteutic lessee for any reason has to be absent from the leased land on a temporary basis, he/she shall make all necessary arrangements for the land to be managed and used in accordance with the obligations set out under this section.</p> <p><u>Article 18: Permissions before erecting structures</u></p> <p>Permissions that are required before any buildings or other structures are erected must be obtained.</p>	<p><u>Article 16 : De l'inspection de l'utilisation des terres</u></p> <p>L'emphytéote ne peut pas empêcher un agent du Bureau Foncier ou toute personne habilitée par le l'institution nationale chargée de la gestion foncière d'entrer dans le domaine foncier en location pour vérifier si l'usage de la terre est conforme aux obligations contractées à l'acquisition.</p> <p><u>Article 17: De l'absence temporaire de l'emphytéote</u></p> <p>Lorsque l'emphytéote a des motifs qui l'obligent à être temporairement absent, il doit prendre toutes les dispositions nécessaires pour assurer la conservation et l'utilisation de la terre conformément aux obligations prévues dans cette section.</p> <p><u>Article 18: Des autorisations de bâtir</u></p> <p>Les autorisations requises doivent être obtenues avant de commencer toute construction.</p>
---	---	--

Ingingo ya 19: Ibyerekeye ubutaka burimo amabuye y'agaciro

Nta burenganzira ku mabuye y'agaciro ubukode bugenera ukodesha, kandi ukodesha ntiyemerewe kubangamira umuntu wahawe ububasha bwo kwinjira ku butaka cyangwa igice cyabwo kugirango akore ubushakashatsi cyangwa kugira ngo acukure amabuye y'agaciro. Ariko, ukodesha agomba guhabwa indishyi, hakurikijwe amategeko, ku bikorwa bye byakwangizwa.

Ingingo ya 20: Ibyerekeye inshingano z'inyongera k'ukodesha

Komisiyo y'ubutaka ku rwego rw'Igihugu ishobora gushyiraho izindi nshingano z'iyongera ku ziteganijwe mu ngingo kuva ku ya 15 kugera ku ya 19, kugirango imikoreshereze y'ubutaka no kububuyaza umusaruro hakurikijwe igishushanyombonera cyihariye cy'agace ubwo butaka buherereyemo. Izo nshingano zitangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Mu gihe ibigomba kubahirizwa by'inyongera bivugwa mu gika kibanza cy'iyi ngingo bigize ingaruka ku cyemezo cy'ubukode, ukodesha ahabwa nibura igihe cy'umwaka umwe (1) uhereye umunsi ibisabwa bitangiriyeho gukurikizwa kugirango avugurure imikoreshereze y'ubutaka bwe ayihuza n'ibisabwa by'inyongera.

Article 19: Mining Land

The emphyteutic lessee has no right to mines on or under ground and he shall not act against the person who is entitled to enter in his land or part of it for research purposes or extraction of mines. However, the emphyteutic lessee shall obtain compensation in accordance with laws for his works that could be damaged.

Article 20: Additional obligations for the emphyteutic lessee

The Land Commission at the National Level may set up additional obligations to those provided for under articles 15 through 19, so that the productive use of land may comply with the land use and management plan of areas where that land is located. Those obligations are published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

When additional obligations mentioned in the previous paragraph have an effect on the lease, the emphyteutic lessee will be given a period of at least one year (1) from the day of enforcement of the obligations, to make sure the land use complies with those obligations.

Article 19: Du domaine foncier contenant les ressources minières

Le bail ne donne aucun droit à l'emphytéote sur les ressources minières qui se trouvent dans le fonds sous bail. L'emphytéote ne peut pas faire obstacle à une personne est autorisée à entrer dans le domaine foncier ou dans une partie de ce domaine foncier pour y faire des recherches ou extraire les ressources minières. L'emphytéote a cependant droit à une indemnisation conformément à la loi pour ses œuvres qui pourraient être endommagées.

Article 20: Des obligations complémentaires pour l'emphytéote

La Commission Foncière au niveau national peut indiquer d'autres obligations complémentaires à celles prévues aux articles 15 jusqu'à l'article 19 pour que l'utilisation rationnelle de la terre soit conforme au plans d'aménagement et d'utilisation des terres des zones abritant ces terres. Ces obligations sont publiées au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Si après l'acquisition du bail, les obligations complémentaires stipulées dans l'alinéa précédent ont une incidence sur le bail, l'emphytéote a un délai d'au moins une (1) année, à partir de la date de la mise en application des obligations, pour rendre l'utilisation de la terre conforme aux dites obligations.

<p>Umukuru w'ibiro by'ubutaka agomba kumanika kopi y'ibisabwa by'inyongera ahantu hagaragarira rubanda ku biro by'ubutaka no ku biro by'Umurenge ubwo butaka buherereyemo.</p> <p>UMUTWE WA III: IBYEREKEYE UBUKODE BUHABWA ABANTU BAFITE UBUTAKA KU GITI CYABO</p> <p><u>Ingingo ya 21:</u> Ibyerekeye ububasha bw'ikirenga Leta ifite ku butaka</p> <p>Ubutaka bwose butunzwe n'abantu hashingiwe ku kindi cyemezo kitari impapurompamo z'umutungo bwite w'ubutaka burindwa na Leta ibufiteho icyemezo cy'ubutunzi haseguriwe ubundi burenganzira buteganijwe n'Itegeko Ngenga abantu bafite kuri ubwo butaka.</p> <p><u>Ingingo ya 22:</u> Ibyerekeye ubukode burambye bufitwe n'abantu bavugwa mu ngingo ya 5 y'Itegeko Ngenga</p> <p>Umuntu wese utunze ubutaka ku giti cye bifatwa nk'aho atunze ubwo butaka mu buryo bw'ubukode bukomoka ku mategeko guhera tariki ya 15 Nzeri 2005.</p>	<p>The District Land Officer must display a copy of the additional conditions in an open place at the Land Bureau and the Sector office where that land is located.</p> <p>CHAPTER III: LEASES GRANTED TO INDIVIDUAL LAND HOLDERS</p> <p><u>Article 21:</u> Freehold title to land vested in the State</p> <p>All land held under a title other than full ownership falls under the custodianship of the State that has freehold title on them, subject to any real rights over such land conferred upon other persons by the Organic Law.</p> <p><u>Article 22:</u> Emphyteutic lease vested in all persons to whom Article 5 Of the Organic Law applies</p> <p>Every person who holds individual land is deemed to be in possession of his/her land under a statutory lease with effect from 15th September 2005.</p>	<p>Le Chef du Bureau Foncier doit afficher la copie des obligations complémentaires dans un lieu public au Bureau Foncier et au bureau du Secteur dans lequel la terre est située.</p> <p>CHAPITRE III: DES BAUX OCTROYES AUX DETENTEURS DES TERRES INDIVIDUELLES</p> <p><u>Article 21:</u> Du droit éminent de l'Etat sur les terres</p> <p>Toutes les terres détenues en vertu d'un titre autre que le titre de propriété sont sous le gardiennage de l'Etat, qui dispose sur elles d'un droit éminent, sous réserve des droits réels qu'ont d'autres personnes sur ces terres et qui sont prévus par la Loi Organique.</p> <p><u>Article 22:</u> Du bail emphytéotique sur les terres individuelles</p> <p>Toute personne qui détient une terre individuelle est présumée être en possession de sa terre en vertu d'un bail reconnu par la loi à partir du 15 septembre 2005.</p>
--	---	---

Ingingo ya 23: Ibyerekeye gutanga icyemezo cyanditse cy'ubukode ku butaka bucodeshejwe mu buryo bwemewe n'amategeko

Iyo ahantu hamaze kwemezwa kuba ahantu handikishirizwa uburenganzira bwo gutunga ubutaka nk'uko biteganywa mu ijyanisha n'igihe ry'uburenganzira abantu bafite ku butaka, buri muntu utunze ubutaka mu buryo bw'ubukode bukomoka ku mategeko agomba gusaba ko uburenganzira bwe bwandikwa mu gihe cya gahunda yo kwemeza uburenganzira abantu bafite ku butaka. Raporo igaragaza uburenganzira bw'abantu ku butaka imaze kwemezwa igatangwa ku Mubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka, hategurwa icyemezo cyanditse cy'ubukode gitangwa n'Umubitsi w'impapurompamo wungirije ufite ububasha.

Ingingo ya 24: Ibyerekeye iyandikwa ry'ubukode

Iyo ubukode bukomoka ku mategeko bushyizwe mu nyandiko, Umubitsi w'impapurompamo wungirije agomba kwandika ko ukodesha ahawe ubukode burambye ku cyemezo cy'umutungo bwite w'ubutaka ari na cyo ubwo bukode bushingiyeho.

Ingingo ya 25: Ibyerekeye kwishyura amafaranga y'ubukode

Ubwishyu bw'ubukode ku mwaka butangwa

Article 23: Conversion of Statutory Lease to Documentary Title

When an area is designated as a Registration Area pursuant to land tenure regularization, every person who is deemed to be in possession of land under a statutory lease shall apply to have his/her claim to the land recorded during the land tenure regularisation programme. After the adjudication record has been certified and transmitted to the Registrar of Land Titles, the statutory lease will be converted into a written lease issued by the competent Deputy Registrar.

Article 24: Registration of lease

<p>Iyo bigaragariye Umukuru w'ibiro by'ubutaka ku rwego rw'Akarere biturutse ku iperereza yikoreye cyangwa se ku makuru yagejweho ko ubutaka butagikoreshwa, amenyeshya Komisiyo y'ubutaka ku rwego rw'Akarere, akamanika itangazo risobanura ibikurikira ku biro by'Akagari, iby'Umurenge n'iby'Akarere ubwo butaka buherereyemo:</p> <p>1° aho ubutaka buherereye ;</p> <p>2° imbago z'ubwo butaka;</p> <p>3° rigaragaza muri make impamvu ashingiraho amenyeshya Komite y'ubutaka ku rwego rw'Akarere y'aho ubwo butaka buherereye ko butagikoreshwa;</p> <p>4° n'igihe kidashobora kujya munsu y'iminsi mirongo itandatu (60) uherye igihe byatangarijwe, kugirango uwariwe wese ubufiteho inyungu agaragaze icyatuma ubwo butaka butemezwa ko buri mu bwatawe na bene bwo.</p>	<p>Where it appears to the District Land Officer either from his or her investigations or on the basis of information submitted to him or her that any land has been abandoned, he or she shall inform the District Land Commission and place on the notice board of the cell, sector and District Offices in the area where the land is situated which shall state;</p> <p>1° the location of the land;</p> <p>2° the boundaries of the land;</p> <p>3° set out briefly the grounds on which he or she intends to recommend to the District Land Commission that the land has been abandoned; and</p> <p>4° the time, being not less than sixty (60) working days from the date of the publication of the notice, within which a person who claims to have an interest in the land may show cause why the land should not be declared to be abandoned.</p>	<p>Lorsqu'il apparaît au Chef du Bureau Foncier soit sur base de ses enquêtes ou sur base des informations lui soumises qu'une parcelle est abandonnée, il informe la Commission Foncière de District et affiche sur le tableau d'affichage des bureaux du Secteur et de la Cellule du lieu où la parcelle est située et affiche dans la parcelle un avis d'abandon qui indique:</p> <p>1° la localisation de la parcelle;</p> <p>2° les limites de la parcelle;</p> <p>3° brièvement les raisons pour lesquelles il entend recommander à la Commission Foncière de District que la parcelle a été abandonnée; et</p> <p>4° le délai, qui n'est pas inférieur à 60 jours ouvrables à partir de la date de publication de l'avis, pendant lequel une personne qui réclame avoir un intérêt dans la parcelle peut exposer les raisons pour lesquelles la parcelle ne devrait pas être déclarée abandonnée.</p>
<p>Iyo komisiyo y'ubutaka ku rwego rw'Akarere yitaye ku biteganywa mu gika kibanziriza iki, yemeza ko ubwo butaka buri mu butakoreshwaga igahita itegeka Umukuru w'ibiro by'ubutaka kugira inama Umubitsi w'Impapuro mpamo z'ubutaka gukora inyandiko yemeza ko ubutaka bwatawe, akagenera kopi ukodesha aho yari atuye ha nyuma</p>	<p>Where the District Land Commission after considering any representations received under the preceding paragraph determines that the land has been abandoned, it shall instruct the District Land Officer to recommend to the Registrar of Land Titles to issue a declaration of abandonment and send a copy of that declaration to the lessee</p>	<p>Lorsque, après avoir examiné les observations reçues dans l'alinéa précédent, la Commission Foncière de District décide que la parcelle a été abandonnée, elle instruit le Chef du Bureau Foncier de recommander au Conservateur des Titres Fonciers de sortir une déclaration d'abandon et d'envoyer une copie de cette déclaration au locataire ou locataires conjoints à leur dernier lieu</p>

<p>hazwi cyangwa abinyujije kuri aderesi ya nyuma aheruka gutanga izwi.</p> <p>Ubukode bw'ubutaka butakoreshejwe buseswa hakurikijwe ibiteganywa n'iri Teka.</p> <p>UMUTWE WA VII : IBYEREKEYE INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA</p> <p>Igice cya mbere: Ibyerekeye ingingo zinyuranye</p> <p><u>Ingingo ya 50:</u> Ibyerekeye itangwa n'ikodesha ry'ubutaka burimo amabuye y'agaciro na kariyeri</p> <p>Itangwa na/cyangwa ikodesha ry'ubutaka burimo amabuye y'agaciro na kariyeri bigengwa n'amategeko agenga za mine na kariyeri mu byerekeranye n'impushya n'imbago, amategeko agenga ubutaka mu byerekeranye n'uburenganzira ababukodesha babufiteho n'amategeko agenga ibyerekeranye n'ibidukikije mu byerekerajye no gucukura amabuye y'agaciro na za kariyeri.</p> <p>Iyo amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri bicukurwa imusozi, uwabyemerewe agomba gukodesha uhasanganywe igice cy'ubutaka kizacukurwaho ugereraniye n'igihe cy'ubukode gisigaye ndetse n'igihe ateganya kuhacukura, ku giciro bumvikanyeho; bananiranwa, igiciro</p>	<p>or joint lessees at his or her last known place of abode or last known address.</p> <p>Lease of land that has not been utilized is terminated in accordance with the provisions of this Order.</p> <p>CHAPTER VII: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</p> <p>Section one: Miscellaneous provisions</p> <p><u>Article 50:</u> Allocation and lease of Mining and quarries sites land</p> <p>The allocation and/or lease of mining sites and quarries shall be governed by regulations established by mining legislations in respect of permissions and concessions, land legislation in respect of land rights held by lessees and environment legislation in respect of mining and quarries exploitation.</p> <p>Where the mining exploitation is carried out in open cut, the staker shall sublease the part of the concession to be exploited pro rata with the remaining lease period and the proposed operational period, at the price agreed with the lessee. If there is no agreement, the price is</p>	<p>de résidence connu ou à leur dernière adresse connue.</p> <p>Les procédures de résiliation d'un bail emphytéotique non exploité se fait conformément aux dispositions du présent Arrêté.</p> <p>CHAPITRE VII: DES DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES</p> <p>Section première: Des dispositions diverses</p> <p><u>Article 50:</u> De la cession et de la location des terres sur lesquelles se trouvent des sites miniers ou de carrières</p> <p>La cession et/ou la location des sites miniers et des carrières suivent les règles établies par la législation minière en ce qui concerne les permissions et les concessions minières et les carrières, la législation foncière en ce qui concerne les droits fonciers détenus par les emphytéotes et la législation relative à l'environnement en ce qui concerne l'exploitation des mines et carrières.</p> <p>Lorsque l'exploitation des mines se fait à ciel ouvert, le concessionnaire sous-loue la partie de la concession à exploiter proportionnellement à la période du bail restant à courir et à la période d'exploitation, au prix convenu avec l'emphytéote. En cas de désaccord, le prix est fixé par le Conseil du District où la terre concernée est localisée après</p>
---	---	---

<p>kikagenwa n’Inama Njyanama y’Akarere ubutaka buherereyemo, ishingiyeye ku bitekerezo byatanze na Komisiyo y’Ubutaka ku rwego rw’Akarere.</p> <p>Icyemezo cy’Inama Njyanama kigena igiciro giha uburenganzira uwahawe uburenganzira bwo gucukura amabuye y’agaciro cyangwa kariyeri nta yindi mihango asabwe kuzuzwa.</p> <p>Iyo gucukura amabuye y’agaciro cyangwa kariyeri bigaragara ko byakwangiza ubutaka cyangwa byagira ingaruka ku bikorwa by’usanganywe ubukode, kandi akaba yifuza kuharekura burundu, ahabwa indishyi hakurikijwe amategeko agenga ibyo kwimura abantu ku mpamvu z’inyungu rusange.</p> <p><u>Ingingo ya 51: Ibyerekeye uburenganzira bw’abashyiranywe n’ubw’abandi bagize umuryango ku butaka</u></p> <p>Iyo umuntu usaba ubutaka yashyiranywe mu buryo bw’ivangamutungo rusange cyangwa bw’ivangamutungo w’umuhahano, agomba guhabwa amasezerano y’ubukode kandi akandikwa ku mazina y’abo bashakanye nk’abasangiywe uburenganzira kuri ubwo butaka bahabwa n’amasezerano y’ubukode.</p> <p>Bitabangamiye ibiteganywa n’ingingo z’amategeko zerekanywe n’izungura, abantu bo mu muryango bafite uburenganzira ku mutungo w’ukodesha bandikwa ku cyemezo cy’ubukode.</p>	<p>determined by the District Council where the land is located, based on the District Land Commission’s recommendations.</p> <p>The decision of the District Council determines the price and gives the beneficiary of the concession the right to start mining extraction without any other procedures.</p> <p>Where the mining operations may affect the lessee’s activities and he/she shows interest to terminate the lease contract, he/she shall be compensated in accordance with legislation related to expropriation in the public interest.</p> <p><u>Article 51: Rights of spouses and other family members</u></p> <p>Where a person who applies for allocation of land is legally married under the regime of community of property or the regime of limited community of acquests, the lease must be issued and registered in the names of both spouses as co-owners of the real right in the land created by the lease.</p> <p>Without prejudice to the law on succession, rights of relatives of the lessees who have interests in or over the land shall be annotated on the certificate of title.</p>	<p>avis de la Commission Foncière au niveau du District.</p> <p>La décision du Conseil de District déterminant le prix donne au bénéficiaire de la concession minière le droit de commencer l’extraction sans aucune autre formalité.</p> <p>Lorsque l’exploitation peut affecter les œuvres de l’emphytéote et qu’il manifeste l’intérêt de résilier le contrat de bail, il est indemnisé conformément à la législation relative à l’expropriation pour cause d’utilité publique.</p> <p><u>Article 51: Droits des époux (ses) et d’autres membres de famille</u></p> <p>Lorsqu’une personne qui fait une demande d’allocation de la terre est mariée sous le régime de la communauté universelle ou sous le régime de la communauté réduite aux acquêts, le contrat de bail doit être accordé et enregistré au nom des deux époux comme des copropriétaires du droit réel sur la terre créé par le contrat de bail.</p> <p>Sans préjudice aux dispositions légales relatives à la succession, les droits des membres de famille des emphytéotes qui sont reconnus comme ayant un intérêt sur la propriété sont inscrits sur le certificat du titre sous forme d’annotations.</p>
---	---	---

<p>Iyi ngingo yemerera ingaragu kwiandikishaho ubukode bw'ubutaka zitunze, zikandikishaho n'abafitanye isano nazo bafite uburenganzira kuri ubwo butaka.</p> <p>Abantu bacunga umutungo w'abana bataragira imyaka y'ubukure, uw'abantu bakuru badafite ubushobozi bwo kuwicingira cyangwa ababwambuwe bandikwa ku byemezo by'ubukode nk'ababacungira umutungo kandi bagomba kubahiriza inshingano zabo nk'uko biteganywa n'Amategeko Mbenezamubano.</p> <p><u>Ingingo ya 52:</u> Ibyerekeye kugera ku butaka kugirango bugenzurwe</p> <p>Umuntu wese wabihereye ububasha n'Umuyobozi w'urwego rushinzwe imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka ku rwego rw'Igihugu cyangwa n'Umuyobozi w'Iburo by'ubutaka ashobora, umunsi uwo ari wo wose, kugera ku butaka hagati ya saa mbiri na saa kumi n'imwe, usibye ubwubutseho inzu igenewe guturwamo gusa, kugira ngo agenzure ibijyanye no gushyira mu bikorwa Itegeko Ngenga n'iri Teka.</p> <p>Umugenzuzi uvugwa muri iyi ngingo agomba kuba yabihereye uruhushya rwanditse n'Umuyobozi w'urwego rushinzwe imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka ku rwego rw'Igihugu cyangwa Umuyobozi w'iburo by'ubutaka kandi agomba kwerekana urwo ruhushya mu gihe arusabwe</p>	<p>This Article recognises the right of single women or men to register as sole lessees and the right of their relatives to enter notices on the lease certificate.</p> <p>A person who administers the patrimony of person who is a minor, mentally incompetent or a ward of the court shall only be registered as an administrator on the lease certificate and must discharge his obligations in accordance with the provisions of the Civil Code.</p> <p><u>Article 52: Entry onto Land</u></p> <p>A person authorised in that behalf by the responsible of the authority charged with land administration and land use anagement or by the District Land Officer shall have power to inspect between the hours of 8.00 am and 5.00 pm any land, other than land occupied exclusively as a dwelling house, for any purpose connected with the implementation of the Organic Law and this Order.</p> <p>A person authorised to enter or inspect land under this section shall be furnished with a written authorisation signed by the responsible of the authority charged with land administration and land use anagement or by the District Land Officer as the case may be and if a</p>	<p>Le présent Arrêté reconnaît le droit des célibataires de se faire enregistrer comme seuls emphytéotes ainsi que le droit de leurs ayant-droits à faire porter des annotations au certificat de bail emphytéotique.</p> <p>Une personne qui administre les biens des mineurs, des incapables ou des interdits est enregistrée seulement comme administrateur sur le certificat de bail et doit s'acquitter de ses obligations conformément aux dispositions du Code Civil.</p> <p><u>Article 52: De l'accès des officiels sur les propriétés foncières</u></p> <p>Une personne autorisée à cet effet par le Responsable de institution chargée de l'administration et de la gestion foncières au niveau national ou par le Chef du Bureau Foncier a le pouvoir d'entrer, entre 8 heures et 17 heures sur toute propriété foncière, autre que la propriété exclusivement occupée en tant que maison familiale, pour un objectif lié à la mise en application de la Loi Organique et du présent arrêté.</p> <p>Une personne autorisée à entrer ou à inspecter la propriété foncière précisée dans la présente section est munie d'une autorisation écrite signée par le Responsable de l'institution chargé de l'administration et de la gestion foncière au niveau national ou par le Chef du Bureau Foncier selon le cas et, si une personne ayant un intérêt ou occupant</p>
--	--	--

<p>n'umuntu ufite inyungu cyangwa atuye kuri ubwo butaka agenzura.</p> <p><u>Ingingo ya 53: Ibyerekeye gusaba amakuru</u></p> <p>Mu rwego rwo kubahiriza Itegeko Ngenga n'iri Teka, Umukuru w'ibiro by'ubutaka, akoresheje inyandiko, ashobora gusaba ukodesha guha Ibiro by'ubutaka mu Karere bireba amakuru yose ajyanye n'ubwo butaka ndetse n'imikoreshereze yabwo.</p> <p>Iyo umukuru w'ibiro by'ubutaka by'Akarere asabye umuntu amakuru, bishoboka ko kubera inyaka afite, ibihe arimo, uburere bwe n'aho aherereye, atabasha gusobanukirwa cyangwa gusubiza mu nyandiko ibyo yari yandikiwe, bagirana ikiganiro kugirango ashobore kubona amakuru akeneye binyuze muri icyo kiganiro.</p> <p>Ushyikirana n'umukuru w'ibiro by'ubutaka ashobora gusaba ko ikiganiro kiba hari undi muntu wo mu muryango we cyangwa umuturanyi cyangwa se undi wese kandi ashobora no kwanga icyo kiganiro iyo, amaze kubisaba, nta muntu n'umwe mu bo yifuje ko baba bahari waje. Icyakora, umukuru w'ibiro by'ubutaka ashobora guhamagara undi mugabo kugirango nawe aze mu kiganiro. Uwo azaba ari umunyamabanga nshingwabikorwa w'umurenge ubazwa atuyemo</p>	<p>person having an interest in or occupying the land which he or she enters and inspects, requires such authorization, he shall produce it to that person.</p> <p><u>Article 53: Request for information</u></p> <p>A District Land Officer may, for any purpose connected with the implementation of the Organic Law and this Order, by notice in writing, require a lessee or joint lessees to send or deliver to the District Land Bureau such documents and other information about the occupation and use of that land.</p> <p>Where a District Land Officer requires information from a person whom it is reasonable to assume from his or her age, circumstances, education, and location will not be able to understand or reply in writing to the written notice, the District Land Officer shall interview that person and obtain the required information by means of that interview.</p> <p>The person being interviewed may request a member of his or her family or a neighbour or such other person as he or she may request to be with him or her during the interview and may decline to be interviewed if after making such a request, no person is present at the interview but if no such person is present then the District Land Officer may instead bring or summons a witness to be present at the interview who shall normally be the sector executive secretary of the sector in</p>	<p>la propriété dans laquelle elle entre pour faire l'inspection l'exige, elle la lui montre.</p> <p><u>Article 53: Des demandes d'informations</u></p> <p>Par un avis écrit, un chef de bureau foncier peut, aux fins liées à la mise en œuvre de la Loi Organique et du présent Arrêté, demander à un locataire ou locataires conjoints d'envoyer ou de livrer au Bureau Foncier du District des documents ou autres informations sur l'occupation et l'usage de cette terre</p> <p>Lorsque le chef de bureau foncier du District requiert des informations de la part d'une personne dont il est raisonnable de présumer, sur base de son âge, des circonstances, de son éducation et de sa localisation qu'elle ne serait pas capable de comprendre ou de répondre par écrit à la notification écrite, le chef du bureau foncier s'entretient avec elle pour obtenir les informations requises.</p> <p>La personne concernée par l'entretien pourrait demander la présence d'un membre de sa famille ou d'un voisin ou d'une autre personne pendant l'entretien et elle pourrait décliner d'être interviewée si après avoir fait une telle demande, personne n'est présent pendant l'interview. Néanmoins, si une telle personne n'est pas présente, le chef du bureau foncier pourrait amener ou convoquer un témoin pour être présent pendant l'interview. Ce témoin est normalement le secrétaire exécutif du secteur dans lequel la</p>
--	--	--

<p>cyangwa intumwa ye.</p> <p><u>Ingingo ya 54: Ibyerekeye kumenyeshwa nyir'ubwite</u></p> <p>Bitabangamiye uburyo bw'imenyeshwa buteganywa muri zimwe mu ngingo z'iri Teka n'andi mategeko yihariye, iyo ushinze kumenyekanisha icyemezo kivugwa muri iri teka adashoboye kubigeraho ubwe ku giti cye cyangwa bicishijwe mu iposita kubera amananza y'imenyeshwa cyangwa izindi mpamvu izarizo zose zitamuturutseho, ashobora gutegeka ko kopi y'imenyekanisha imanikwa ahantu hagaragara ku biro by'Akarere, iby'Umurenge n'iby'Akagari ubwo butaka buherereyemo.</p> <p><u>Ingingo ya 55: Ibyerekeye kumenyeshwa abaturage muri rusange</u></p> <p>Iyo, hakurikijwe ingingo y'Itegeko Ngenga cyangwa iri Teka, icyemezo cyangwa andi makuru agomba kumenyeshwa abaturage muri rusange bishobora kubageraho ingaruka, iyo nshingano yo kumenyekanisha icyo cyemezo isobanurwa ku buryo bukurikira :</p> <p>1° kopi imanikwa ahantu hagaragara ku biro</p>	<p>which the person resides or his delegate.</p> <p><u>Article 54: Serving notices to individuals</u></p> <p>Without prejudice to the way of informing in the provisions of some articles of this order and other specific laws, where a person or a public authority authorised to serve a notice under this Order is satisfied that a notice cannot be served personally or by post, either because the person to be served is evading service or for some other reason, that person or public authority shall order service to be effected by affixing a copy of the notice in a conspicuous place at the District, sector and cell offices cell where the land is located.</p> <p><u>Article 55: Serving of notices to the general public</u></p> <p>Where, by a provision of the Organic Law or this Order, a notice or other information is to be published or given such publicity as will bring it to the attention of all persons likely to be affected by it, that duty shall be construed as requiring a copy of the notice or other information to be –</p> <p>1° affixed in a conspicuous position at the sector</p>	<p>personne réside ou son délégué.</p> <p><u>Article 54: De la notification individuelle</u></p> <p>Sans préjudice aux dispositions relatives à la notification prévues par les Articles du présent Arrêté et d'autres lois spécifiques, lorsqu'une personne ou une autorité publique autorisée à signifier un acte aux termes du présent Arrêté est assurée qu'un acte ne peut être signifié à personne ou par la poste, soit parce que la personne qui doit être signifiée évite la signification ou pour une toute autre raison, cette personne ou autorité publique ordonne que la signification soit rendue effective en affichant une copie de l'acte dans un endroit bien en vue aux bureaux du District, du secteur et de la cellule au sein du secteur et de la cellule où la parcelle est située.</p> <p><u>Article 55: De la notification à la population</u></p> <p>Lorsque, par une disposition de la Loi Organique ou du présent Arrêté, une notification ou une autre information doit être publiée ou recevoir une telle publicité que cela la portera à l'attention de toutes les personnes qui seront probablement affectées par elle, cette obligation est interprétée comme exigeant une copie de l'acte ou de toute autre information qui doit être :</p> <p>1° affichée dans un endroit bien en vue aux bureaux du secteur et de la cellule dans lesquels</p>
---	---	---

<p>by'umurenge n'iby' Akagali ubutaka buherereyemo n'ahandi hantu hose hagaragara mu kagali cyangwa mu mudugudu hagenwe n'amabwiriza y'umunyamabanga nshingwabikorwa w'umurenge; kandi</p> <p>2° ibikubiye mu cyemezo bimenyeshwa mu magambo abantu batuye kandi bakorera aho ubutaka buherereye mu nama zatumirijwe icyo n'umunyamabanga nshingwabikorwa w'umurenge cyangwa w'akagali;</p> <p><u>Ingingo ya 56: Ibyerekeye amafaranga yishyurwa ku mirimo ijyanye no gutanga cyangwa gukodesha ubutaka</u></p> <p>Amafaranga atangwa nk'uko iri Teka ribisaba ateganywa mu mategeko yihariye cyangwa mu mabwiriza yasohotse mu Igazeti ya Leta kandi yateguwe n'abayobozi babifitiye ububasha hakurikijwe amategeko.</p> <p>Umubitsi w'Impapurompamo z'ubutaka cyangwa Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka wungirije ntiyandika ubukode mu gitabo cy'impapurompamo cyangwa ngo yandike inyandiko irebana n'ubukode cyangwa ihererekanya ry'ubukode mu gihe amafaranga agomba kwishyurwa atarishyurwa, keretse, ibyo kandi bikageza aho amenyeye neza, ashingiye ku cyemezo cyanditse yeretswe kigaragaza ko habaye ubwumvikane hagati ya ba nyirubwite, ko ayo mafaranga ashobora gutangwa mu byiciro kandi ko nta bukererwe buri mu bwishyu.</p>	<p>and cell offices of the sector and cell in which the land is located and in such other public places in any cell or village as the sector executive secretary shall direct; and</p> <p>2° summarised and communicated orally to the people living and working in the area where the land is located at such meetings as may be convened by the sector or cell executive secretary for that purpose;</p> <p><u>Article 56: Fees and Charges</u></p> <p>Any fees or charges payable under this Order shall be prescribed in specific laws or gazetted regulations developed by competent authorities in accordance with the law.</p> <p>The Registrar of Land Titles or the Deputy Registrar of Land Titles shall refuse to make an entry in the register of title or register a document in respect of a lease or a disposition of or arising in connection with a lease in respect of which a charge has not been paid in whole or in part, unless and until he or she is satisfied on the basis of written evidence produced before him or her that it has been agreed between the payer and payee that such charge may be paid in instalments and there are no arrears in those instalments.</p>	<p>la parcelle se situe et dans d'autres endroits publics dans n'importe quelle cellule ou village selon les directives du secrétaire exécutif du secteur; et</p> <p>2° résumée et communiquée de vive voix aux personnes vivant et travaillant dans la zone où la parcelle est située au cours des réunions qui pourraient être convoquées par le secrétaire exécutif du secteur ou de la cellule à cet effet;</p> <p><u>Article 56: Des frais et des charges</u></p> <p>Tous les frais ou charges payables dans le cadre du présent Arrêté sont prescrits par des lois spécifiques ou des règlements publiés au Journal Officiel développés par les autorités compétentes conformément à la loi.</p> <p>Le Conservateur des Titres Fonciers ou le Conservateur Adjoint des Titres Fonciers ne portera pas d'inscription au registre des titres relativement à un bail ou n'enregistrera pas un document relatif à un bail ou une aliénation en rapport ou issue d'un bail dont la charge n'a pas été payée en tout ou en partie, à moins que, et ce, jusqu'à ce qu'il soit satisfait sur base d'une preuve écrite produite devant lui et qui a été convenue entre le payeur et le bénéficiaire selon laquelle une telle charge pourrait être payée en tranches et qu'il n'y a pas d'arriérés au niveau de ces tranches.</p>
--	--	--

Ibyakoreshejwe na Leta byose mu iyishyuzwa ry'amafaranga ukodesha ayibereyemo ni umwenda ukodesha aba abereyemo Leta kandi akaba agomba kuwishyura.

Komisiyo y'ubutaka ku rwego rw'igihugu ishira uburyo bwo gusuzuma ndetse no gusonera cyangwa se kugabanyiriza umukode uwo ari we wese kubera impamvu zumvikana nk'ubukene, ubumuga, cyangwa se izindi izo ari zo zose zijyanye n'ibiza udashobora kwishyura amafaranga ajyanye n'ubukode bwe k'ubutaka. Ishobora na none buri gihe bibaye ngombwa gusubira kuri icyo cyemezo iyo hari igihindutse hagati aho ikaba yafata icyemezo cyo kongera ayo mafaranga cyangwa se kuyagabanya cyane birezeho.

Article 57: Ibyerekeye gukemura impaka

Impaka zose zerekanywe n'itangwa ry'ubutaka, isubizwa ry'ubutaka, ikodeshwa ry'ubutaka, ihindurwa ry'ubukode n'iseswa ryabwo n'ingaruka zabyo zibanza gushyikirizwa urwego rwafashe icyemezo. Urwo rwego rugomba gusubiza mu minsi cumi n'itanu (15) kuva rugejweho ikibazo.

Iyo uwatanze ikibazo atanyuzwe, cyangwa uwafashe icyemezo atarashubije mu gihe cyagenwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, agishyikiriza urwego rwo hejuru rufite inshingano

Unpaid fees or charges incurred by the Government in connection with any attempt to recover an unpaid charge shall constitute a civil debt owed by the payer to the Government.

The National Land Commission shall establish arrangements to review, and if the case is made out to remit in whole or in part the charges and fees payable by any person in connection with the holding of a lease who claims that by reason of poverty, infirmity, the effects of a natural or other disaster or other similar cause, he or she cannot pay the charges or fees required to be paid under a lease and thereafter to keep such case under continuous review and, where necessary, make further adjustments, either to increase or reduce the charges or fees which are to be paid.

Article 57: Dispute Settlement

All disputes related to land allocation and repossession, land lease, change of use, lease termination and consequences thereof are first referred to the authority that took the decision, and the latter shall give its reply within fifteen (15) days from the date of receipt of the request.

If the petitioner is not satisfied or no reply was given within the time specified in paragraph one of this Article, the matter can be referred to the next higher authority with responsibility for land.

Les frais non-payés ou les charges engagées par le Gouvernement en rapport avec toute tentative de recouvrer une charge impayée constituent une dette due par le débiteur au Gouvernement.

La Commission Foncière au niveau national établit les dispositions pour examiner et, si la décision est prise, exonérer en tout ou en partie le paiement des charges et des frais relatifs à un contrat d'emphytéose par une personne qui déclare que, pour cause de pauvreté, d'infirmité, des effets d'une catastrophe naturelle ou autre ou une autre cause similaire, elle ne peut pas payer les charges ou frais requis pour un contrat d'emphytéose, et soumettre une telle décision sous un examen continu et, en cas de nécessité, faire des ajustements supplémentaires, soit pour augmenter ou réduire les charges ou les frais à payer.

Article 57: De la résolution des conflits

Tous les litiges nés à l'occasion de l'allocation des terres, de leur remise, des baux et de leur modification et changement, de leur résiliation et des conséquences qui pourraient en résulter sont d'abord portés à l'autorité qui a pris la décision, lequel organe dispose de quinze (15) jours depuis la réception de la requête pour donner la réponse.

Dans le cas où le requérant n'obtient pas satisfaction, ou que la requête n'a pas obtenu de réponse dans le délai prescrit par le premier alinéa ci-dessus, il est fait appel devant la prochaine autorité supérieure en matière foncière.

<p>ku butaka.</p> <p>Utishimiye igisubizo yahawe n’urwego rwafashe icyemezo ageza ikibazo cye ku rwego rwo hejuru mu minsi cumi n’itanu (15) kuva umunsi amenyesherejwe icyo gisubizo n’urwego rwo hasi.</p> <p>Utanyuzwe n’icyemezo cyafashwe n’urwego rwo hejuru, yitabaza inkiko zibifitiye ububasha.</p> <p><u>Ingingo ya 58: Ibyerekeye kubangamira ubutegetsi bushinzwe imicungire y’ubutaka</u></p> <p>Umuntu wese yabigambiriye kandi mu buryo bunyuranije n’amategeko</p> <p>1^o uzatinza; 2^o uzimira; 3^o uzabuza; 4^o uzatera ubwoba; cyangwa 5^o uzatera,</p> <p>umuntu wahawe ububasha n’Itegeko Ngenga cyangwa iri Teka bwo kugera ku butaka no kubugenzura azaba akoze icyaha gihanwa n’igitabo cy’amategeko ahana n’Itegeko Ngenga.</p>	<p>Such a petition must be referred to the higher authority within fifteen (15) days from the date of notification of the decisions of the lower authority.</p> <p>If the petitioner is not satisfied by the decision of the higher authority, he or she may refer the matter to the competent court of law.</p> <p><u>Article 58: Obstruction of Land Administration</u></p> <p>A person who wilfully and unlawfully –</p> <p>1^o delays; 2^o obstructs; 3^o hinders; 4^o intimidates; or 5^o assaults,</p> <p>a person authorised under the Organic Law or this Order to enter and inspect any land in the lawful exercise of the power to do so commits an offence and is liable, on conviction, to penalties provided for by the Penal Code and the Organic Law.</p>	<p>Une telle requête en appel doit être portée devant l’autorité supérieure dans un délai de quinze (15) jours depuis la notification de la décision par l’organe inférieur.</p> <p>Le requérant qui n’a pas été satisfait par la décision de l’autorité supérieure fait appel devant les juridictions compétentes.</p> <p><u>Article 58: De l’obstruction à l’administration foncière</u></p> <p>Une personne qui –</p> <p>1^o retarde; 2^o fait obstruction; 3^o empêche; 4^o intimide; ou 5^o agresse,</p> <p>volontairement et sans motif légitime une personne autorisée par la Loi Organique ou le présent Arrêté à entrer et à inspecter une parcelle dans l’exercice légal du pouvoir lui conféré se rend coupable de contravention et est punissable conformément aux dispositions prévues par le Code Pénal et la loi Organique.</p>
---	---	---

Icyiciro cya II: Ibyerekeye Ingingo z'inzibacyuho

Ingingo ya 59: Ibyerekeye agaciro k'ubutaka bw'abantu ku giti cyabo bwatanzwe mbere

Uretse aho Itegeko Ngenga cyangwa iri teka ribiteganyanya ukundi, uwagize icyo akora imbere y'itariki ya 15/09/2005 agamije gushyiraho, kubona, gutanga by'igihe gito, kwikuraho cyangwa gutanga ubukode buri mu mutungo w'abantu ku giti cyabo, icyo gikorwa cyo gutanga gikomeza kugira agaciro hakurikijwe amategeko yariho mbere y'uko Itegeko Ngenga n'iri Teka bitangira gukurikizwa na nyuma y'aho iryo Tegeko Ngenga n'iri Teka bitangiriye gukurikizwa.

Ingingo ya 60: Ibyerekeye agaciro k'uburenganzira abantu basaganywe ku butaka bwite bwa Leta, ubw'Ibigo bya Leta bifite ubuzima gatozi, Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere

Uretse aho biteganyijwe ukundi mu buryo bwihariye n'iri teka, uburenganzira ubwo ari bwo bwose, inyungu, impapurompamo, ububasha cyangwa inshingano byose byatanzwe, byabonywe bikagira agaciro ku butaka bwo mu mutungo bwite wa Leta, uw'Ibigo bya Leta bifite ubuzima gatozi, uw'Umujyi wa Kigali ctytangwa uw'Akarere mu buryo bwemewe n'amategeko yariho mbere

Section II: Transitional provisions

Article 59: Validity of Prior Dispositions of Individual Land

Unless the contrary is specifically provided for in the Organic Law or this Order, where a step had been taken before 15 September 2005 to create, acquire, assign, transfer, or otherwise execute a disposition in individual land, any such disposition may be continued in accordance with the law applicable to it immediately prior to the commencement of the Organic Law and this Order and shall be deemed to be a valid disposition under the Organic Law and this Order.

Article 60: Validity of Prior Rights on Private State Land, Private parastatal's land, Private City of Kigali Land or Private District Land

Unless the contrary is specifically provided for in this Order, any right, interest, title, power, or obligation lawfully agreed to, acquired, accrued, established, coming into force or exercisable in accordance with the laws prior to the Organic Law or this Order under either written law or custom in any private state land, any private parastatal's land, any private City of Kigali land

Section II: Des dispositions transitoires

Article 59: De la validité des aliénations antérieures des propriétés individuelles

Sauf disposition contraire spécifiquement prévue par la Loi Organique ou le présent Arrêté, lorsqu'une procédure a été entamée avant le 15 septembre 2005 pour créer, acquérir, assigner, transférer ou autrement exécuter une aliénation de terre individuelle, une telle aliénation pourrait continuer conformément à la loi applicable en la matière immédiatement avant la date d'entrée en vigueur de la Loi Organique et conformément au présent Arrêté et est réputée être une aliénation valide aux termes de la Loi Organique et du présent Arrêté.

Article 60: De la validité des droits antérieurs sur le domaine privé de l'Etat, d'un Etablissement Public, de la Ville de Kigali ou de District

Sauf disposition contraire spécifiquement prévue dans le présent Arrêté, tout droit, intérêt, titre, pouvoir, ou obligation légalement consenti, acquis, accumulé, établi sur une parcelle du domaine privé de l'Etat, d'un Etablissement Public, de la Ville de Kigali ou du District conformément à la législation antérieure à la Loi Organique ou au présent Arrêté, est et reste valide, effectif et exécutoire aux termes de la Loi Organique et du présent Arrêté.

<p>y'Itegeko Ngenga cyangwa iri teka, bifite agaciro kandi bikomeza gushyirwa mu bikorwa hakurikijwe Itegeko Ngenga n'iri teka.</p> <p>Icyiciro cya 3: Ibyerekeye ingingo zisoza</p> <p><u>Ingingo ya 61:</u> Ibyerekeye kuvanwaho kw'ingingo z'amateka zinyuranye n'iri Teka</p> <p>Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranye naryo zivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 62:</u> Ibyerekeye igihe iteka ritangira gukurikizwa</p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p> <p>Kigali kuwa 01/04/2008</p> <p>Minisitiri w'Ubutaka, Ibidukikije, Amashyamba, Amazi na Mine BAZIVAMO Christophe</p>	<p>or any private District land is hereby declared to be and to remain valid, effective and enforceable under the Organic Law and this Order.</p> <p>Section 3: Final provisions</p> <p><u>Article 61:</u> Abrogation of Contrary Provisions</p> <p>All previous regulations contrary to this Order are hereby repealed.</p> <p><u>Article 62:</u> Coming into Force of this Order</p> <p>This Order comes into force on the day of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p> <p>Kigali, on 01/04/2008</p> <p>The Minister of Lands, Environment, Forestry, Water and Mines BAZIVAMO Christophe</p>	<p>Section 3: Des dispositions finales</p> <p><u>Article 61:</u> De l'abrogation des dispositions antérieures</p> <p>Toutes les dispositions réglementaires antérieures et contraires au présent Arrêté sont abrogées.</p> <p><u>Article 62:</u> De l'entrée en vigueur</p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p> <p>Kigali, le 01/04/2008</p> <p>Le Ministre des Terres, de l'Environnement, des Forêts, de l'Eau et des Mines BAZIVAMO Christophe</p>
--	--	---

Umunyamabanga wa Leta ushinzwe, ubutaka
Ibidukikije muri Minisiteri y'Ubutaka, Ibidukikije,
Amashyamba, Amazi na Mine
HAJABAKIGA Patricia

**Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya
Repubulika :**

Intumwa Nkuru ya Leta/ Minisitiri w'Ubutabera
KARUGARAMA THARCISSE

The Minister of State in charge of Lands and
Environment in the Ministry of Lands,
Environment, Forestry, Water and Mines
HAJABAKIGA Patricia

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

The Attorney General/ Minister of Justice
KARUGARAMA Tharcisse

Le Secrétaire d'Etat chargé des Terres et de
l'Environnement au Ministère des Terres, de
l'Environnement, des Forêts, de l'Eau et des Mines
HAJABAKIGA Patricia

Vu et Scellé du Sceau de la République:

Le Garde des Sceaux/ Ministre de la Justice
KARUGARAMA Tharcisse